ABADAHIGWA BADAHUSHA INTEGO











IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO

IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO GISOHOKA BURI GIHEMBWE KIBANDA KU MAKURU ATANDUKANYE Y'IBYAKOZWE MU MIYOBORERE MYIZA,UBUKUNGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

1357 @rulindodistrict info@rulindo.gov.rw

INKURU Z'INGENZI Z'IBYAKOZWE MU GIHEMBWE CYA MBERE 2026-2027

IGIHEMBWE CYA MBERE 2026-2027

KWIBOHORA32, IMIRYANGO 10 YO MU MURENGE WA MURAMBI YASHYIKIRIJWE AMAZU YUBATSWE N'INGABO NA POLISI



HANGIJWE LITIRO ZIRENGA IBIHUMBI 22 Z'IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE BIFITE AGACIRO KA MILIYONI 94.5 FRW



MU BIRORI BYO KWIZIHIZA UMUNSI W'UMUGANURA GUVERINERI YASABYE ABATURAGE KWIMAKAZA UBUMWE NO KWIGIRA



ABAYOBOZI B'IBIGO NDERABUZIMA BASHIMIWE IBYAKOZWE MU MYAKA IBIRI ISHIZE BASABWA KURUSHAHO GUFASHA ABATURAGE KUGIRA UBUZIMA BWIZA.



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RULINDO YAMURITSE IBYAGEZWEHO MURI MANDA Y'I MYAKA ITANU .



ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE NDETSE N'UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA JEAN CLAUDE MUSABYIMANA BIFATANYIJE N'ABATURAGE BA MASORO MU MUGANDA USOZA UKWEZI KWA NZERI



KWIBOHORA32, IMIRYANGO 10 YO MU MURENGE WA MURAMBI YASHYIKIRIJWE AMAZU YUBATSWE N'INGABO NA POLISI



Minisitiri ushinzwe ibikorwa by'ubutabazi Maj.Gen Albert MURASIRA hamwe n'abandi bayobozi batashye inzu zubakiwe abatishoboye

Mu birori byo kwizihiza umunsi mukuru wo Kwibohora ku nshuro ya 32, mu Karere ka Rulindo hatashywe ibikorwa bitandukanye byagezweho muri uyu mwaka birimo n'amazu atanu yubatse mu buryo bwa 2 in 1 yatujwemo imiryango 10 yo mu Murenge wa Murambi.

Aya mazu yubatswe ku bufatanye bw'Ingabo z'u Rwanda (RDF) na Polisi y'u Rwanda.Igikorwa cyo gutaha aya mazu kikaba cyayobowe na Minisitiri ushinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi, Maj. Gen. (Rtd) Albert Murasira, ari kumwe n'Umugaba Mukuru w'Inkeragutabara, Maj. Gen. Alexis Kagame, Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Mukanyirigira Judith, ndetse n'abandi bayobozi batandukanye.

Aya mazu yubatswe muri gahunda y'inzego z'umutekano zifatanya n'abaturage mu bikorwa bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage no gufasha abatishoboye kubona aho kuba heza kandi hatekanye.

Mu ijambo ry'ikaze, Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Mukanyirigira Judith, yashimiye Ingabo z'inkotanyi zabohoye igihugu zikanahagarika Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994 Ashimira perezida wa Repubulika Nyakubahwa Paul KAGAME ukomeje kubaka igihugu no guteza imbere Abanyarwanda ashimangira ko byumwihariko mu karere ka Rulindo dushimira Nyakubahwa perezida wa Repubulika waduhaye umuhanda Nyacyonga-Mukoto kuri ubu ugeze kuri 56% ukorwa.



Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith

Umuyobozi w'Akarere kandi yagaragaje ibikorwa bitandukanye byagezweho muri uyu mwaka birimo ibiro by'Akagari ka Barari mu Murenge wa Tumba, umuyoboro w'amazi wa Rwanyana–Kiruli,ibyumba by'amashuri 4 byubatswe mu murenge wa Shyorongi, laboratoire izafasha abanyeshuri bo mu ishuri ry'isumbuye ry'abakobwa rya Inyange ndetse n'ubwanikiro bw'urusenda bwo mu Murenge wa Buyoga.

Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Albert MURASIRA yashimiye Abaturage b'Akarere ka Rulindo bakomeje kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere ashimangira ko iterambere bagezeho ari ikimenyetso kigaragaza ukwibohora nyako.



Minisitiri Ushinzwe ibikorwa by'ubutabazi Maj.Gen Rtd Albert MURASIRA

Minisitiri Maj. Gen. (Rtd) Albert MURASIRA kandi yashimiye abaturage ku ruhare bagira mu kubungabunga umutekano ashimangira ko umutekano ari wo shingiro ry'iterambere ry'u Rwanda, asaba abaturage gukomeza kuwusigasira no kurinda ibyagezweho mu myaka 32 ishize igihugu kimaze kibohowe.

Yagize ati: "Umutekano ni wo nkingi y'iterambere. Buri Munyarwanda afite inshingano zo kuwusigasira kugira ngo ibyagezweho bikomeze birindwe kandi bibe ishingiro ry'iterambere rirambye."

Ibirori byo kwizihiza Kwibohora32 mu Karere ka Rulindo byitabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Hon. Depite Bitunguramye Diogène, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyaruguru Ngendahimana Pascal, Umuyobozi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru ACP Edmond Kalisa, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Dusabirane Aimable, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, ndetse n'abahagarariye urwego rw'abikorera.

ABAYOBOZI B'AKARERE BIFATANYIJE N'ABATURAGE MU NTEKO ZIBANZE KU GUKANGURIRA ABATURAGE KWIHUTISHA KWISHYURA UBWISUNGANE MU KWIVUZA NO GUKUMIRA INDWARA YA RVF



Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith mu nteko y'Abaturage mu murenge wa Mbogo

Tariki ya 7 nyakanga , abagize Komite Nyobozi y'Akarere hamwe n'abagize inzego z'umutekano bitabiriye inteko z'abaturage zabereye mu tugari dutandukanye turi inyuma mu bipimo by'ubwitabire bwo kwishyura umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza (Mutuelle de Santé). Umuyobozi w'Akarere, Madamu Mukanyirigira Judith, yifatanyije n'abaturage bo mu Kagari ka Mushari, Umurenge wa Mbogo.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Rugerinyange Theoneste, yitabiriye inteko y'abaturage bo mu Kagari ka Rurenge, na ho Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Bwana Mutaganda Theophile, yifatanyije n'abaturage bo mu Kagari ka Marembo, Umurenge wa Cyungo.

Muri izo nteko, abaturage basobanuriwe akamaro ko kwishyura ku gihe umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza, basabwa kurushaho kwitabira gahunda kugira ngo buri muturage abashe kubona serivisi z'ubuvuzi igihe azikeneye.
Abayobozi banakanguriye abaturage gukomeza ingamba zo kwirinda no kurwanya indwara ya Rift Valley Fever (RVF), bibutswa gukurikiza amabwiriza y'inzego zibishinzwe no gutanga amakuru ku gihe igihe babonye amatungo agaragaza ibimenyetso by'iyi ndwara.
Inteko z'abaturage zanabaye umwanya wo kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage, aho abayobozi bumvise ibitekerezo n'ibibazo bitandukanye byatanzwe, bimwe bikemurirwa aho, mu gihe ibikeneye ubundi bukurikiranwe byashyikirijwe inzego zibishinzwe kugira ngo bikemurwe mu buryo bwihuse.
Akarere gakomeje gushimangira ko kwegera abaturage no kubatega amatwi ari imwe mu nkingi z'imiyoborere myiza, bityo abaturage bakaba bakangurirwa gukomeza kugira uruhare mu bikorwa bigamije iterambere n'imibereho myiza yabo.

UMUYOBOZI W'AKARERE YATANGIJE GAHUNDA YO KWITA KU BANA N'URUBYIRUKO MU BIRUHUKO ABASABA KWIRINDA INGESO MBI N'IBIYOBYABWENGE



Akarere ka Rulindo katangije gahunda yo kwita ku bana n'urubyiruko mu biruhuko, igamije kubafasha kumara ibiruhuko mu bikorwa bibubaka, bibarinda ibishobora kubangiriza ubuzima banatozwa indangagaciro z'umuco nyarwanda.
Ku rwego rw'Akarere, iyi gahunda yatangirijwe mu Murenge wa Kinihira, iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu Mukanyirigira Judith, ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Bwana Mutaganda Théophile, ndetse n'abahagarariye inzego z'umutekano.
Muri iki gikorwa, abayobozi bifatanyije n'abana n'urubyiruko mu mikino n'imyidagaduro itandukanye, hagamijwe kubafasha gusabana no gukoresha neza igihe cy'ibiruhuko binyuze mu bikorwa bibafitiye akamaro.
Hanatanzwe ibiganiro n'ubutumwa bwibanze ku kubaka uburere bwiza bw'abana n'urubyiruko. Basobanuriwe amateka y'igihugu, indangagaciro z'umuco nyarwanda ndetse n'intego y'iyi gahunda, igamije kubarinda imyitwarire n'ibikorwa byose bishobora kubashyira mu kaga.
Mu ijambo rye, Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu Mukanyirigira Judith, yibukije abana, urubyiruko, ababyeyi n'abatoza ko gahunda yo kwita ku bana n'urubyiruko mu biruhuko yashyizweho kugira ngo ikumire ikintu cyose cyahungabanya ubuzima, umutekano n'iterambere ry'abana n'urubyiruko.

Yasabye ababyeyi gukomeza gukurikirana abana babo no kubashishikariza kwitabira iyi gahunda, anashimira abatoza n'abafatanyabikorwa bazagira uruhare mu kuyishyira mu bikorwa.
Yatangaje kandi ko ibikorwa by'iyi gahunda bizajya bikorwa inshuro eshatu mu cyumweru, bikagenerwa abana hakurikijwe ibyiciro by'imyaka yabo, mu rwego rwo kubafasha kwiga, gukina no kwidagadura mu buryo bubafasha gukura neza.
Gahunda yo kwita ku bana n'urubyiruko mu biruhuko izashyirwa mu bikorwa mu mirenge yose igize Akarere ka Rulindo, ikaba igamije guteza imbere uburere buboneye, kwimakaza umuco wo gukunda igihugu no kurinda abana n'urubyiruko ibishobora kubashyira mu byago mu gihe cy'ibiruhuko.

UMUNYAMABANGA WA LETA MURI MINISITERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA DR USTA KAYITESI YIFATANYIJE N'ABATURAGE MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NYAKANGA.



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'ububanyi n'amahanga Dr USTA Kayitesi yifatanyije n'abaturage mu muganda

Tariki ya 25 Nyakanga mu mirenge yose igize Akarere ka Rulindo hakozwe umuganda rusange ngarukakwezi usoza ukwezi kwa Nyakanga. Ku rwego rw'Akarere, umuganda wabereye mu Murenge wa Shyorongi, Akagari ka Rutonde, aho abayobozi bifatanyije n'abaturage mu bikorwa by'isuku no gutunganya umuhanda.

Ni Umuganda witabiriwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane akaba n'Imboni y'Akarere ka Rulindo, **Dr Usta Kayitesi**, ari kumwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Rulindo ndetse n'abahagarariye inzego z'umutekano.

Ibikorwa by'umuganda byibanze ku isuku rusange no gutunganya umuhanda hagamijwe gukomeza kubungabunga ibikorwaremezo no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Nyuma y'umuganda, abayobozi bagiranye ikiganiro n'abaturage, babagezaho amakuru ku bikorwa by'iterambere bikomeje kubegerezwa ndetse babashishikariza gukomeza kubigiramo uruhare kugira ngo bibagirire akamaro.

Abaturage banahawe ubutumwa butandukanye bwibanze ku kwirinda kunywa ibinyobwa bitujuje ubuziranenge no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, mu rwego rwo kurinda ubuzima bwabo n'umutekano w'imiryango.

Mu rwego rwo gukomeza kubungabunga umutekano, abaturage basabwe gukomeza kugira uruhare mu kuwicungira batanga amakuru ku gihe ku bikorwa byose bishobora guhungabanya umutekano. Banakanguriwe kandi kurwanya ubucukuzi butemewe bw'amabuye y'agaciro no gukurikiza ingamba zo gukumira indwara ya Rift Valley Fever (RVF).

Mu butumwa bwe, Dr Usta Kayitesi yagarutse ku kamaro k'isuku, asaba abaturage gukomeza kwita ku isuku y'umubiri, iy'ingo zabo ndetse n'iy'imyambaro, agaragaza ko isuku ari umusingi w'ubuzima bwiza.



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'ububanyi n'amahanga Dr USTA Kayitesi.

Yanasabye ababyeyi kongera imbaraga mu burere bw'abana babo, cyane cyane urubyiruko, kugira ngo barurinde ibyaha n'ingaruka z'icuruzwa ry'abantu, ashimangira ko ubufatanye bw'umuryango, abaturage n'inzego z'ubuyobozi ari ingenzi mu gukumira icyo cyaha.

Umuganda usoza ukwezi kwa Nyakanga wabaye umwanya wo kongera gushimangira ubufatanye hagati y'abaturage n'abayobozi mu kubaka Akarere ka Rulindo karangwa n'isuku, umutekano n'iterambere rirambye.

ABATURAGE BAZAHABWA INDANGAMUNTU KORANABUHANGA BATANGIYE GUFOTORWA.



Abaturage b'Umurenge wa Base bitabiriye igikorwa cyo gufotorwa muri gahunda y'Indangamuntu Koranabuhanga

Iki gikorwa cyatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, **RUGERINYANGE Théoneste**, ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Base, gitangirizwa mu kagari ka Gitare kamwe mu tugize murenge wa Base.

Iki gikorwa cyo gufotora kikaba cyakorewe no mu yindi mirenge irindwi igize Akarere, mu rwego rwo gufasha abaturage kubona Indangamuntu Koranabuhanga izabafasha kubona serivisi zitandukanye mu buryo bwihuse kandi bworoshye.

Mu butumwa yagejeje ku baturage bitabiriye iki gikorwa, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana RUGERINYANGE Théoneste, yasobanuye akamaro k'Indangamuntu Koranabuhanga n'uruhare rwayo mu kwihutisha serivisi.

Yasabye abaturage gukomeza kwitabira iki gikorwa no gukangurira bagenzi babo bataraza gufotorwa kwihutira kubikora, kugira ngo bose babashe kubona Indangamuntu Koranabuhanga.
Ubuyobozi bw'Akarere bwongeye kwibutsa abaturage ko kwitabira iki gikorwa ari ingenzi, kuko Indangamuntu Koranabuhanga ari kimwe mu bikoresho bigamije guteza imbere serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga no korohereza abaturage kubona serivisi zitandukanye.

Igikorwa cyo gufotora abaturage kirakomeje mu Mirenge yose igize Akarere, aho abaturage basabwa gukomeza kwitabira iyi gahunda.
Gufotorwa bikorerwa ku rwego rw'Akagari, mu rwego rwo gutanga serivisi ku baturage bose gufotora no kwemeza imyirondoro bizajya bikorwa iminsi yose kuva kuwa mbere kugera ku cyumweru mu rwego rwo gufasha abakozi bataboneka mu minsi y'akazi.

HANGIJWE LITIRO ZIRENGA IBIHUMBI 22 Z'IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE BIFITE AGACIRO KA MILIYONI 94.5 FRW



Abaturage b'Umurenge wa Buyoga hamwe n'abayobozi bari mu gikorwa cyo kumena ibinyobwa bitujuje ubuziranenge

Tariki ya 9/8/2026 Ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo, bufatanyije n'abaturage ndetse n'inzego z'umutekano, bwangije mu ruhame litiro 22,027 z'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, zari zimaze gufatwa mu mirenge igize Akarere. mu gikorwa cyo kugenzura no kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge cyamaze hafi icyumweru.
Ibi binyobwa byafashwe mu gikorwa cyo kugenzura no kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, hashingiwe ku rutonde rw'ibinyobwa rutemewe rwatangajwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'ibinyobwa (Rwanda FDA).

Ibyangijwe bifite agaciro kangana na miliyoni 94,566,200 z'amafaranga y'u Rwanda (94,566,200 Frw).
Abaturage bitabiriye iki gikorwa bagaragaje ko bishimiye ingamba zafashwe zo kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, bavuga ko kubikumira no kubyangiza bifasha kurinda ubuzima bw'abaturage, cyane cyane urubyiruko.

NTAMABYARIRO Madelene utuye mu murenge wa Buyoga avuga ko izi nzoga zitujiuje ubuziranenge zangije umuryango nyarwanda zihereye ku rubyiruko. yagize ati:" izi nzoga zitujuje ubuziranenge zinyobwa cyane n'abakiri bato ndetse usanga zarabangije ku buryo ntakindi kintu bashobora gukora cyabateza imbere uretse urubyiruko kandi n'abagabo bazinywa usanga mu ngo zabo hahoramo intonganya bikagira ingaruka ku bana kuko usanga abana babo baravuye mu ishuri kubera kutitabwaho n'ababyeyi.
Madelene yakomeje avuga ko ashima abayobozi bafashe icyemezo cyo guca burundu izi nzoga kuko zangizaga ubuzima bw'abantu ndetse zigateza amakimbirane mu miryango akemeza ko aba nawe azakomeza kugira uruhare mu kuzikumira atanga amakuru aho ziri no kubazicuruza ku girango zifatwe zikurwe ku isoko.
NYINAWASE Domithilla avuga ko kubera izi nzoga z'ibyuma zateje ubukene mu miryango zisenya ingo mu gihe hari n'abapfuye kubera kuzinywa, bityo nawe akaba shimira Leta yafashe icyemezo cyo kuzikuraho burundu kuko batabaye ubuzima bw'abaturage benshi. Abaturage basabwe kugira uruhare mu kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu MUKANYIRIGIRA Judith,yavuze ko mu karere ka Rulindo hafunzwe inganda 4 zakoraga ibinyobwa bitujuje ubuziranenge ndetse ko ubuyobozi bw'Akarere bufatanyije n'izindi zitandukanye zirimo izumutekano bakoze ubugenzuzi mu mirenge yose hakozwe bwo gushaka abacuruza inzoga zangiza ubuzima bw'abaturage zitwa ibyuma zikaba zarakusanyirijwe mu murenge wa Buyoga aho zangirijwe mu ruhamwe mu rwego rwo gutabara ubuzima bw'Abaturage no kubarinda ibibangiriza ubuzima.yagize ati:" kuva ubu bukangurambaga bwo kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge bwatangira hafunzwe inganda 4 zakoreraga muri Rulindo ariko kandi ibyo zakoraga ntibyacurizwaga imbere mu karere gusa byajyaga n'ahandi,bikangiza ubuzima bw'abaturage kandi ko hakozwe ubugenzuzi hirya no hino mu mirenge yose byumwihariko muma santeri y'ubucuruzi akomeye harimo santeri ya Bubangu na santeri ya Base zakuwemo ibinyobwa byinshi cyane".

Umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith yakomeje asaba abaturage gukomeza kwirinda gukora, gucuruza, gukwirakwiza no kunywa ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.
Asaba kandi gukomeza gufatanya n'ubuyobozi ku rwanya ibi binyobwa cyane cyane batanga amakuru bakora cyangwa bacuruza ibyo binyobwa, ndetse no kudahishira abica amabwiriza yashyizweho.
Ibinyobwa bitujuje ubuziranenge byangirijwe mu murenge wa Buyoga aho byari byarakusanyirijwe. Biteganyijwe ko kuri uyu wa mbere tariki ya 10/8/2026 inama nyanama y'Akarere ka Rulindo iza gushyiraho amabwiriza mashya akumira ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.

MU BIRORI BYO KWIZIHIZA UMUNSI W'UMUGANURA GUVERINERI YASABYE ABATURAGE KWIMAKAZA UBUMWE NO KWIGIRA



Guverineri MUGABOWAGAHUNDE Maurice n'abandi bayobozi bari kumurikirwa ibyagezweho mu buhinzi mu mwaka 2025-2026

Tariki ya 7 Kanama mu mirenge yose igize Akarere ka Rulindo hizihijwe Umunsi w'Umuganura, igikorwa cyahurije hamwe abaturage n'abayobozi mu kwishimira ibyagezweho muri uyu mwaka

Uyu mwaka, Umuganura wizihijwe ku nsanganyamatsiko igira iti: **"Umuganura isoko y'ubumwe n'inshingiro ryo kwigira."**

Ku rwego rw'Intara y'Amajyaruguru, ibirori byo kwizihiza Umunsi w'Umuganura byabereye mu Karere ka Rulindo, mu Murenge wa Masoro, aho byitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Bwana MUGABOWAGAHUNDE Maurice, wari n'umushyitsi mukuru.
Ibirori by'uyu munsi byaranzwe n'igikorwa cyo gutaha ibiro by'Akagari ka Kabuga mu Murenge wa Masoro**,** ndetse n'imurikabikorwa ry'ibyagezweho n'abaturage muri uyu mwaka.
Abaturage bagaragaje ibyagezweho birimo umusaruro w'ibihingwa bitandukanye ndetse n'ibindi bikorwa by'iterambere, bagaragaza uruhare rwabo mu kwiteza imbere.



Ku munsi w'Umuganura hanatashwe ibiro by'Akagari ka Kabuga

Ubutumwa bwatanzwe muri ibi birori, abayobozi bibukije abaturage ko Umuganura ari umuco w'Abanyarwanda ufasha gusigasira ubumwe, gusangira ibyiza byagezweho no gushimira uruhare rwa buri wese mu iterambere ry'igihugu.

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo yashimangiye ko Umuganura ukwiye kuba umwanya wo kwishimira ibyagezweho, gusuzuma ibitaragerwaho no gufata ingamba zo gukomeza kwimakaza indangagaciro z'umuco Nyarwanda ushingiye ku bumwe, gukorera hamwe no kwigira.

Yashishikarije abaturage gukomeza kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere, kongera umusaruro no gukoresha neza amahirwe bafite kugira ngo barusheho kwigira no guteza imbere imiryango yabo n'Akarere muri rusange.

Mu butumwa bw'Umushyitsi Mukuru, Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, MUGABOWAGAHUNDE Maurice, yashishikarije abaturage gukomeza kwimakaza ubumwe n'ubufatanye, ari na byo shingiro ry'iterambere rirambye.



Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru MUGABOWAGAHUNDE Maurice

Yabasabye kandi gukomeza kurwanya no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside, bubaka umuryango Nyarwanda urangwa n'ubworoherane, kubahana no gukorera hamwe.
Guverineri kandi yagarutse ku bibazo bishobora kugira ingaruka ku mibereho n'umutekano w'abaturage, asaba abaturage kwirinda ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, ndetse no kwirinda ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe.

Yashimangiye ko abaturage bakwiye gukorera mu buryo bwemewe n'amategeko, bakitabira ibikorwa bibateza imbere kandi bakagira uruhare mu kurinda umutekano n'iterambere ry'aho batuye.

Kwizihiza Umuganura byasojwe no gushishikariza abaturage gukomeza gukora, gusangira ibyiza bagezeho no gushyira hamwe imbaraga mu bikorwa by'iterambere, hagamijwe kwimakaza ubumwe, kwigira n'indangagaciro z'umuco Nyarwanda.

RULINDO HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'URUBYIRUKO, URUBYIRUKO RUSABWA KUBYAZA UMUSARURO AMAHIRWE AHARI NO GUKORA CYANE.



Guverineri MUGABOWAGAHUNDE Maurice hamwe n'Umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith bitabiriye umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko.

Mu birori byo kwizihiza umunsi mpuzamanga w'urubyiruko byabereye mu murenge wa Burega urubyiruko rwibukijwe amahirwe rufite yarufasha gutera imbere ndetse rusabwa no gukora cyane kandi rukirinda ingeso mbi.
Umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko wizihizwa tariki ya 12 kanama buri mwaka kuri iyi nshuro wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko hagamijwe kubyaza umusaruro amahirwe ahari."
Ibirori byo kwizihiza uyu munsi byabimburiwe no kumurika ibikorwa by'urubyiruko aho abayobozi batandukanye barangajwe imbere na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru MUGABOWAGAHUNDE Maurice bashimye ibikorwa by'urubyiruko birimo iby'ubuhinzi ndetse n'ubukorikori.

Mu ijambo ry'ikaze umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith yashimiye urubyiruko rwitabiriye ibirori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko agaragaza amahirwe ari mu karere arubyiruko rukwiye kubyaza umusaruro ati:"Akarere kacu karimo amahirwe menshi cyane ku rubyiruko kuko dufite ibyanya byinshi by'ubuhinzi,ni Akarere kandi aborozi bishimira gukoreramo kuko gahangana n'imihindagurikire y'ibihe,bigafasha aborozi korora bitagoranye, Akarere kandi gafite ibice by'ubukerarugendo, aha twavuga ikigo ndangamurage IKIRENGA gikorera mu Murenge wa Rusiga ahitwa ku kirenge,gitanga ubumenyi ku bigendanye n'umuco(ubuhanzi,ubugeni,ubukorikori,guseruka gakondo,imyuga) ".

Umuyobozi w'Akarere yongeyeho ko Akarere Akarere gashishikariza urubyiruko kwibumbira mu makoperative y'urubyiruko hagamijwe guhuza imbaraga no gukorera hamwe.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, MUGABOWAGAHUNDE Maurice, wari umushyitsi mukuru muri ibi birori yashimiye urubyiruko rwihangiye imirimo arusaba gukomeza gukora cyane, guhanga udushya no kongera ubumenyi n'ubushobozi.



Guverineri MUGABOWAGAHUNDE Maurice hamwe n'Umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith n'abandi bayobozi basuye ibikorwa bitandukanye by'urubyiruko rw'Umurenge wa Burega.

Guverineri kandi yibukije urubyiruko ko arirwo mbaraga z'igihugu asaba urubyiruko rugomba kwirinda ingeso mbi n'ibindi bishobora kurwangiriza ubuzima n'ahazaza harwo. Birimo kwirinda kunywa ibinyobwa bitujuje ubuziranenge,n'ibindi biyobyabwenge, kwirinda ubusinzi, inda zitateguwe ndetse no kwirinda gukoresha nabi ikoranabuhanga n'ibindi bishuko bitandukanye.

ABAFATANYABIKORWA B'AKARERE BASHIMIWE KU RUHARE RWABO MU ITERAMBERE N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE.



Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere bahawe icyemezo cy'ishimwe cyo kuba baritabiriye imurikabikorwa (Open Day)

Mu imurikabikorwa ry'abafatanyabikorwa b'Akarere ryari rimaze iminsi itatu ribera mu karere ka Rulindo abafatanyibikorwa bashimiwe uruhare rwabo no gufatanye n'ubuyobozi bw'Akarere mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.
Iri murikabikorwa ryari rifite insanganyamatsiko igira iti "Uruhare rw'Abafatanyabikorwa mu Kubaka Umuryango Ukomeye", rikaba ryarahuje abafatanyabikorwa batandukanye bakorera mu Karere ka Rulindo, ibigo bya Leta bifite ibikorwa mu Karere, abikorera ndetse n'imiryango mpuzamahanga.
Mu gihe cy'imurikabikorwa, abafatanyabikorwa bagaragaje ibikorwa n'imishinga bakorera mu Karere, bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage no guteza imbere ubukungu bw'Akarere.

NYIRURUGO Emmanuel uhagarariye abagize ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu karere ka Rulindo yashimiye Abafatanyabikorwa bose bitabiriye imurikabikorwa ry'uyu mwaka anashima ibikorwa byabo ndetse na serivise zabo bigamije guteza imbere Akarere n'abaturage muri rusange.

Mu ijambo rye risoza iri murikabikorwa, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Bwana RUGERINYANGE Theoneste, yashimiye abafatanyabikorwa uruhare rukomeye bagira mu iterambere ry'Akarere, by'umwihariko mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

Yagaragaje ko ubufatanye hagati y'Akarere, abafatanyabikorwa, inzego za Leta n'abikorera ari ingenzi mu gushyira mu bikorwa gahunda z'iterambere no kubaka umuryango ushoboye kandi wihagije.
Yasabye abafatanyabikorwa gukomeza ubufatanye n'Akarere, kunoza imikoranire no gushyira imbaraga mu bikorwa bifite uruhare mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage no kwihutisha iterambere rirambye ry'Akarere ka Rulindo.

Iri murikabikorwa ryabaye umwanya mwiza wo gusangira amakuru ku bikorwa by'abafatanyabikorwa, kumenyekanisha ibyo bagezeho ndetse no kurebera hamwe uburyo ubufatanye bwakomeza kugira uruhare mu guhangana n'ibibazo abaturage bafite no guteza imbere Rulindo.
Imurikabikorwa ry'Abafatanyabikorwa b'Akarere ka Rulindo ryafunguwe ku mugaragaro na Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru Mugabowagahunde Maurice nawe yashimiye abafatanyabikorwa b'Akarere ka Rulindo ku ruhare rwabo mu iterambera ry'Akarere n'Intara y'Ayamajyaruguru muri rusange.

LITIRO ZISAGA IBIHUMBI 29 Z'IBINYOBWA BITUJUJE UBUZIRANENGE ZAMENEWE MU RUHAME



Abaturage b'Umurenge wa Bushoki hamwe n'Abayobozi mu gikorwa cyo kumena ibinyobwa bitujuje ubuzirange

Mu rwego rwo kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge no kurengera ubuzima bw'abaturage, ubuyobozi bw'Intara y'Amajyaruguru n'ubw'Akarere ka Rulindo, ku bufatanye n'abaturage, bamennye mu ruhame litiro 26,000 z'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge bizwi nka Akarusho, byakorewe mu ruganda Enterprise Urwibutso ruherereye mu Murenge wa Bushoki.

Iki gikorwa cyabereye mu Kagari ka Nyirangarama, aho Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Bwana MUGABOWAGAHUNDE Maurice, yari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, ndetse n'abagize Inama y'Umutekano itaguye y'Intara n'iy'Akarere ka Rulindo.
Mbere yo kwangiza ibyo binyobwa, abayobozi basobanuriye abaturage ingaruka zishobora guterwa no gukora, gucuruza, gukwirakwiza no kunywa ibinyobwa bitujuje ubuziranenge. Basabye abaturage gukomeza kubyirinda no gufatanya n'ubuyobozi mu kubirwanya.
Hanamenwe ibindi binyobwa bitujuje ubuziranenge
Iki gikorwa cyanakomereje kuri site yo mu Murenge wa Buyoga, aho Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Bwana MUTAGANDA Théophile, yayoboye igikorwa cyo kwangiza mu ruhame litiro 3,093 z'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.

Ibi binyobwa bifite agaciro ka 15,483,400 Frw, bikaba byarafatiwe mu Mirenge igize Akarere ka Rulindo mu gikorwa cy'igenzura cyari kimaze igihe, hashingiwe ku rutonde rw'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge rwatangajwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutsura Ubuziranenge bw'Ibiribwa n'Ibinyobwa (Rwanda FDA).

Nyuma yo kwangiza ibi binyobwa, habaye inteko z'abaturage, aho Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku baturage ubutumwa bwo gukomeza kwirinda gukora, gucuruza, gukwirakwiza no kunywa ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.
Yabasabye kandi gukomeza gutanga amakuru ku bikorwa nk'ibi, kugira ngo ubuyobozi bubashe kubikumira no kurinda ubuzima bw'abaturage.
Ibi bikorwa byagaragaje ubufatanye hagati y'ubuyobozi n'abaturage mu kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, hagamijwe kurengera ubuzima, umutekano n'imibereho myiza y'abaturage b'Akarere ka Rulindo.

ABAYOBOZI B'IBIGO NDERABUZIMA BASHIMIWE IBYAKOZWE MU MYAKA IBIRI ISHIZE BASABWA KURUSHAHO GUFASHA ABATURAGE KUGIRA UBUZIMA BWIZA.



Abayobozi b'ibigo nderabuzima bashimiwe ibyakozwe mu myaka ibiri ishize

Mu nama mpuzabikorwa y'ubuzima yahuje abakora mu rwego rw'ubuzima mu karere ndetse n'abafatanyabikorwa Umuyobozi w'Akarere, Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, hamwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage, Bwana MUTAGANDA Theophile,bashimiye abayobozi b'ibigo nderabuzima ndetse n'abafatanyabikorwa mu rwego rw'ubuzima ku bikorwa byo kugabanya amadeni y'imiti ibigo nderabuzima byari bifite mu myaka yatambutse

Iyi nama mpuzabikorwa y'ubuzima, yarigamije igamije gusuzuma ibyagezweho mu rwego rw'ubuzima mu myaka ibiri ishize no kurebera hamwe ingamba zo kurushaho kunoza serivisi zihabwa abaturage.

Iyi nama yitabiriwe n'abayobozi n'abakozi batandukanye bakorera mu rwego rw'ubuzima, barimo uhagarariye umufatanyabikorwa Health Builders, abayobozi b'ibitaro bya Kinihira na Rutongo, ndetse n'abayobozi b'ibigo nderabuzima byose byo mu Karere ka Rulindo. Hanatumiwemo uhagarariye Rwanda Medical Supply, Bwana Gaspard.

Mu biganiro byaranze iyi nama, hasuzumwe ibikorwa byagezweho mu myaka ibiri ishize, hagaragazwa ibyiza byakozwe ndetse n'ibikiri imbogamizi bikwiye gukorwaho kugira ngo serivisi z'ubuvuzi zikomeze kunozwa no gutangwa ku buryo bunoze.
Ubuyobozi bw'Akarere bwashimiye abayobozi b'ibigo nderabuzima byabashije kwishyura burundu amadeni yari afite, ndetse bushimira n'ibindi bigo byagabanyije amadeni y'imiti.
Ubuyobozi bwagaragaje ko izi ntambwe ari ingenzi mu gukomeza imikorere myiza y'ibigo nderabuzima no kubaka ubushobozi bwo gutanga serivisi nziza ku baturage.

Ubuyobozi bw'Akarere bwashimiye uruhare rw'umufatanyabikorwa Health Builders mu guteza imbere urwego rw'ubuzima, cyane cyane mu bikorwa bigamije gushyigikira serivisi z'ubuvuzi no kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, yasabye abitabiriye inama kurushaho kugira uruhare mu bukangurambaga bwo kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge. Yabasabye gukangurira abaturage kwirinda kunywa ibyo binyobwa, ndetse no kwita ku buryo bwihariye ku buvuzi bw'abaturage bagaragaza ibibazo by'ubuzima byatewe no kubinywa.

Inama mpuzabikorwa y'ubuzima yasojwe abayobozi b'ibigo nderabuzima abakora gukomeza ubufatanye, kunoza imikorere no gushyira imbere ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage, hagamijwe gutanga serivisi z'ubuzima zinoze.

NAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RULINDO YAMURITSE IBYAGEZWEHO MURI MANDA Y'I MYAKA ITANU .



Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere mu gikorwa cyo kumurika ibyagezweho mu myaka itanu

Tariki ya 10 Nzeri 2026 , abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Rulindo bakoze igikorwa cyo kumurika no gusangiza abaturage n'abafatanyabikorwa ibyakozwe n'Inama Njyanama mu myaka itanu ya manda yayo, kuva mu 2021 -2026.
Muri iki gikorwa, hatanzwe ishusho y'ibikorwa n'ibyagezweho mu myaka itanu y'manda y'Inama Njyanama y'Akarere ka Rulindo, byibanze ku nkingi eshatu z'ingenzi ari zo ubukungu, imibereho myiza y'abaturage n'imiyoborere myiza.

Mu bijyanye n'iterambere ry'ubukungu, hagaragajwe imishinga n'ibikorwa bitandukanye byashyizwe mu bikorwa bigamije guteza imbere imibereho y'abaturage, guteza imbere ibikorwa by'iterambere no kongera amahirwe y'ubukungu ku baturage b'Akarere.

Ku bijyanye n'imibereho myiza y'abaturage, herekanwe ibikorwa byagize uruhare mu kuzamura imibereho n'iterambere ry'abaturage, mu gihe mu nkingi y'imiyoborere myiza hagaragajwe uburyo Inama Njyanama yashohoje inshingano zayo mu gukurikirana no gufasha mu miyoborere ishingiye ku igenamigambi, kubazwa inshingano no guteza imbere Akarere.

Iki gikorwa kandi cyabaye umwanya wo kungurana ibitekerezo ku ngingo zitandukanye zijyanye n'iterambere ry'Akarere ka Rulindo. Abitabiriye bagaragaje ko ibikorwa byakozwe mu myaka itanu byagize uruhare mu iterambere ry'Akarere, banashimira abagize Inama Njyanama ku ruhare bagize mu gutegura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa by'iterambere.

Umwe mu bakuru b'imidugudu yashimiye abajyanama kuko muri iyi myaka itanu bashoboye kubegera bagakorana ibikorwa bitandukanye birimo imiganda n'inama zitandukanye akaba anabashimira ko batabaherutse mu bikorwa byo kwiyamamaza no kubatora
Perezida w'inama njyanam y'Akarere ka Rulindo DUSABIRANE Aimable avuga ko hari byinshi byakozwe muri iyi manda y'imyaka itanu bigamije guteza imbere Abaturage birimo kuba harashyizweho ikigega cy'iterambere cyashyizwe muri buri murenge.

Yakomeje avuga iki kigega gikomeje kugira uruhare mu gukemura ibibazo bitandukanye birimo kugabanya ikibazo cy'igwingira mu bana bato ndetse n'inyubako zitangirwamo serivisi zitandukanye zirimo ibiro by'Utugari.

Mu butumwa bw'Umushyitsi Mukuru, Dr Usta Kayitesi, yashimye ibyagezweho n'Inama Njyanama y'Akarere ka Rulindo mu myaka itanu ya manda yayo, ashimangira ko ibyo bikorwa ari umusingi ukwiye gukomeza kubakirwaho.

Yasabye abagize Inama Njyanama n'abandi bafatanyabikorwa gukomeza kugira uruhare mu iterambere rirambye ry'Akarere ka Rulindo no mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage
Iki gikorwa cyo kumurika ibyagezweho muri manda y'imyaka itanu y'inama njyanamay'Akarere ka Rulindo cyitabiriwe n'abayobozi n'abafatanyabikorwa batandukanye, barimo Umuyobozi muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC),uhagarariye RALGA; Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyaruguru, abagize Inzego z'umutekano n'abandi batumirwa baturutse mu nzego zitandukanye.

Iki gikorwa cyo kumurika ibyagezweho cyasojwe hifuzwa ko ubufatanye hagati y'inzego z'imiyoborere, abaturage n'abafatanyabikorwa bukomeza, hagamijwe gukomeza gusigasira ibyagezweho no gushyira imbaraga mu bikorwa bishya bizihutisha iterambere ry'Akarere ka Rulindo.

ABAGORE BIYEMEJE KUGIRA URUHARE MU KUBAKA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE.



Abagore bitabiriye inteko rusange y'inama y'Igihugu y'Abagore

Mu nama Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Rulindo, abagore bahagarariye abandi biyemeje gukomeza kugira uruhare mu guteza imbere umuryango no kuzamura iterambere ry'umugore.
Iyi nama yari ifite insanganyamatsiko igira iti **"Uruhare rw'umugore mu kubaka umuryangoutekanye kandi ushoboye."**Yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo**,**Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, ari na we wari Umushyitsi Mukuru, hamwe n'abagize inzego z'umutekano, bamwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere ndetse n'abafatanyabikorwa b'Akarere.

Mu kiganiro cyatanzwe n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Rulindo, Madamu NGARUYIMANZI Diane, yagaragaje ibyakozwe mu myaka itanu ishize mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage, by'umwihariko mu guteza imbere imibereho n'iterambere ry'umuryango ndetse no kongerera ubushobozi abagore.
Yagaragaje ko uruhare rw'umugore mu iterambere ry'umuryango n'igihugu rukomeje kwiyongera, ashimangira ko abagore bakwiye gukomeza gukorera hamwe, kugira uruhare mu gufata ibyemezo no gushyira imbaraga mu bikorwa bibateza imbere ndetse n'imiryango yabo.

Abitabiriye inama kandi bahawe ikiganiro ku matora y'inzego zegerejwe abaturage ateganyijwe mu mezi ari imbere,cyatanzwe n'uhagarariye Komisiyo y'Amatora mu Ntara y'Amajyaruguru. Yasabye abagore gukomeza kwitabira ibikorwa by'amatora no kugira uruhare rugaragara mu nzego z'imiyoborere, haba mu gutora no mu kwiyamamaza ku myanya itandukanye.

Muri iyi nama habayeho kandi kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'umunsi, aho abitabiriye bagaragaje ibibazo bikigaragara bibangamiye n'imibereho myiza y'umuryango, baganira ku buryo byakemuka ndetse n'uruhare rw'abafatanyabikorwa mu gushakira ibisubizo ibyo bibazo.

Abitabiriye bagaragaje ko ubufatanye hagati y'abagore, inzego z'ubuyobozi, inzego z'umutekano, abafatanyabikorwa ndetse n'abaturage muri rusange ari ingenzi mu kubaka imiryango itekanye, ifite ubushobozi kandi ishobora kugira uruhare rufatika mu iterambere ry'Akarere n'igihugu muri rusange.

Inama yasojwe n'igikorwa cyo gusinyana imihigo hagati ya ba Mutimawurugo n'Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, aho biyemeje gukomeza gushyira imbaraga mu bikorwa bigamije guteza imbere imiryango, kurwanya ibibazo bibangamiye imibereho myiza no kugira uruhare mu iterambere ry'Akarere.

Iyi mihigo ikaba ari igaragaza ubushake bw'abagore ba Rulindo bwo gukomeza kuba abafatanyabikorwa b'ingenzi mu kubaka umuryango utekanye, ushoboye kandi uharanira iterambere rirambye.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RULINDO IKOMEJE GUSHYIRA IMBARAGA MU MICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA.



Inama Njyanama y'Akarere ka Rulindo yateranye

Mu nama isanzwe y'inama njyanama y'Akarere yateranye kuri uyu wa gatandatu yasuzumwemo ingingo zitandukanye zirebana n'imiyoborere, imikoreshereze y'umutungo wa Leta, imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka ndetse no ku itegurwa ry'igishushanyombonezamiturire cy'Akarere ka Rulindo.
Atangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rulindo, Bwana DUSABIRANE Aimable, yagarutse ku micungire n'imikoreshereze y'ubutaka ndetse n'imitunganyirize y'igishushanyombonezamiturire cy'Akarere.

Muri iyi nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Rulindo, hibanzwe ku ngingo zitandukanye byumwihariko imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka, by'ahantu hatandukanye mu Karere.
Muri iyi nama abajyanama bagaragarijwe aho imitunganyirize ya site y'imiturire ya Kabeza, igeze ishyirwa mubikorwa. Akarere gafatanyije n'umufatanyabikorwa GanzAfrica batangiye gutegura igishushanyombonera cy'aka gace gafite ubuso bungana na hegitari hafi 56.

Kugeza ubu, igikorwa cyo gupima no kugenzura imiterere y'ubutaka kuri site y'imiturire ya Kbeza (resurveying) kimaze kugera ku kigero cya 80%, mu gihe igishushanyo cy'urusobe rw'imihanda n'imitunganyirize yayo (road network/layout plan) kimaze kugera kuri 90%.
Abagize Inama Njyanama bashimiye umufatanyabikorwa GanzAfrica ku ntambwe imaze guterwa mu gutegura iki gishushanyombonera, banizeza gukomeza ubufatanye bw'Akarere mu guteza imbere imitunganyirize myiza y'ubutaka.

Abajyanama bashimangiye ko ubu bufatanye bukwiye gukomeza kugira ngo ibikorwa biteganyijwe birangizwe neza kandi bishyirwe mu bikorwa, hagamijwe guteza imbere imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka myiza kandi irambye mu Karere ka Rulindo.

Abagize Inama Njyanama bashimiye GanzAfrica ku ntambwe imaze guterwa, banashimira ubufatanye bukomeje hagati y'Akarere n'iki kigo. Bashimangiye ko ubu bufatanye bukwiye gukomeza kugira ngo gahunda y'imitunganyirize y'ahantu itunganywe neza, irangizwe kandi ishyirwe mu bikorwa uko byateganyijwe.

Izindi ngingo zasuzumwe muri iyi nama harimo raporo ivuguruye y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere n'uko umutungo w'Akarere wari uhagaze kugeza ku mpera z'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026.ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo, ingengo y'imari n'itangwa ry'amasoko mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2026/2027, hagamijwe gukurikirana aho ibikorwa biteganyijwe bigeze no kureba ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo intego z'Akarere zigerweho.

Muri iyi nama kandi hasuzumwe ingamba zafashwe mu kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa mu Karere, hibandwa ku bikorwa bigamije guteza imbere imibanire myiza, ubufatanye n'imibereho myiza y'abaturage.

Inama yanasesenguye ishingiro ry'imishinga y'inyungu rusange n'igenagaciro ryakozwe kuri iyo mishinga, kugira ngo ibikorwa by'inyungu rusange bishyirwe mu bikorwa hashingiwe ku igenamigambi n'amategeko abigenga.

RWAMUREC YAHUGUYE ABAKOZI B'AKARERE N'ABAYOBOZI B'IBIGO BY'UBUVUZI KU KWIMAKAZA UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE MU MURYANGO



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage MUTAGANDA Theophile

Tariki ya 15 Nzeri 2026, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Bwana MUTAGANDA Théophile, yatangije amahugurwa y'iminsi ine ahabwa bamwe mu bakozi b'Akarere, abayobozi b'ibitaro ndetse n'abayobozi b'ibigo nderabuzima bikorera mu Karere ka Rulindo.
Aya mahugurwa yateguwe ku bufatanye n'Akarere n'umuryango uharanira kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore RWAMUREC, binyuze muri gahunda yiswe Bandebereho, igamije kongerera ubushobozi abakozi bo ku rwego rw'Akarere ndetse n'abakora mu rwego rw'ubuzima, kugira ngo barusheho kugira ubumenyi n'ubushobozi bwo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.

Mu gutangiza aya mahugurwa, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Bwana MUTAGANDA Théophile, yashimiye RWAMUREC kuba yaratangije iyi gahunda ya Bandebereho mu karere ka Rulindo kuko izafasha guteza imbere imibereho myiza y'imiryango no kongerera ubushobozi abakozi bashinzwe gutanga serivisi ku baturage.

Yagaragaje ko kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango ari ingenzi mu kubaka imiryango itekanye, ifite uruhare rungana mu iterambere kandi ishingiye ku bufatanye hagati y'abagize umuryango.
Muri aya mahugurwa y'iminsi ine, abayitabiriye bazungurana ubumenyi n'ibitekerezo ku buryo bwo guteza imbere imibanire myiza mu muryango, guharanira uburinganire no kugira uruhare mu guhindura imyumvire n'imyitwarire ishobora kubangamira ubwuzuzanye hagati y'abagize umuryango.

Amahugurwa kandi azafasha abakozi b'Akarere n'abakora mu rwego rw'ubuzima kurushaho gusobanukirwa uruhare bafite mu gushyigikira imiryango no gutanga serivisi zifasha abaturage kubaka imiryango ibanye neza kandi itekanye.

Aya mahugurwa aje mu rwego rwo gukomeza ibikorwa bigamije guteza imbere uburinganire, ubwuzuzanye n'imibereho myiza y'imiryango, binyuze mu kongerera ubushobozi abafite inshingano zo gukorana n'abaturage no kubafasha gukemura ibibazo bibangamira imibereho myiza y'imiryango.

URUBYIRUKO RWITABIRIYE UMUGANDA RWASABWE KWIRINDA IBIYOBYABWENGE N'UBUSINZI.



Abagize Komite nyobozi y'Akarere bifatanyije n'urubyiruko mu muganda wihariye

Tariki ya 19 Nzeri 2, mu mirenge yose igize Akarere ka Rulindo, habaye Umuganda wihariye w'urubyiruko, wahurije hamwe urubyiruko mu bikorwa bitandukanye bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage no kubungabunga ibidukikije.
Mu Murenge wa Rukozo, Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Madamu MUKANYIRIGIRA Judith, ari kumwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ndetse n'abahagarariye inzego z'umutekano, bifatanyije n'urubyiruko mu muganda wabereye mu Kagari ka Mberuka, aho bakoze igikorwa cyo gucukura no gusibura imirwanyasuri mu ishyamba.
Iki gikorwa cyagize uruhare mu kubungabunga ibidukikije, kurwanya isuri no guteza imbere isuku n'imicungire myiza y'ubutaka no kwirinda ingaruka zishobora guterwa n'ibiza.

Ahandi mu mirenge igize Akarere ka Rulindo, urubyiruko rwitabiriye ibikorwa bitandukanye birimo kubakira abatishoboye, gutunganya imihanda, gukora isuku ku mashuri no ku bibuga by'imikino, ndetse no guca no gusibura inzira z'amazi.

Nyuma y'Umuganda, urubyiruko rwagejejweho ubutumwa butandukanye bugamije kurushishikariza kugira uruhare mu kubaka igihugu gifite iterambere rirambye, by'umwihariko rukangurirwa kwirinda ubusinzi, ibiyobyabwenge n'ibindi bikorwa bishobora kugira ingaruka ku buzima n'ahazaza harwo.

Muri ubu butumwa, hanagarutswe kuri gahunda ya SoberGen, igamije gukangurira urubyiruko kugira imyitwarire iboneye, kwirinda ubusinzi n'ibindi bikorwa bishobora kubangamira ubuzima n'imibereho yarwo.

Umuganda wihariye w’urubyiruko wabaye umwanya wo kongera kugaragaza ko urubyiruko ari imbaraga z’ingenzi mu iterambere ry’Akarere ka Rulindo, binyuze mu kugira uruhare mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije, gufasha abatishoboye, guteza imbere isuku no guteza imbere imibereho myiza y’abaturage.

ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y’AKARERE NDETSE N'UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA JEAN CLAUDE MUSABYIMANA BIFATANYIJE N’ABATURAGE BA MASORO MU MUGANDA USOZA UKWEZI KWA NZERI



Abagize inama njyanama y’Akarere bifatanyije n’abaturage mu muganda rusange usoza ukwezi kwa Nzeri.

Tariki ya 26Nzeri Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y’Igihugu y’Amatora, Bwana Jean Claude Musabyimana, yifatanyije n’abagize Inama Njyanama y’Akarere ka Rulindo ndetse n’abaturage b’Umurenge wa Masoro mu muganda rusange usoza ukwezi kwa Nzeri 2026.
Ku rwego rw’Akarere, umuganda wabereye mu Kagari ka Nyamyumba, Umurenge wa Masoro, ahatunganyijwe imihanda iri muri Site y’Imiturire ya Kabeza, iri gutunganywa ku bufatanye bw’Akarere ka Rulindo n’umufatanyabikorwa Ganza Africa.
Abagize Inama Njyanama y’Akarere ka Rulindo bose bifatanyije n’abaturage ba Masoro muri iki gikorwa cy’umuganda, cyari kigamije kugira uruhare mu kunoza ibikorwa remezo no guteza imbere imiturire.
Umuganda wahujwe n'ubukangurambaga bwo kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge ndetse no gukangurira urubyiruko kwirinda no kurwanya ubusinzi
Ubutumwa ku rubyiruko no kurwanya ubusinzi
Nyuma y’umuganda, hatanzwe ubutumwa butandukanye bugamije gukomeza gukangurira abaturage kugira uruhare mu iterambere no kubaka umuryango n’umuryango nyarwanda utekanye.
Hibanzwe ku bukangurambaga bwa Sober Generation, bugamije kurwanya ubusinzi n’indi myitwarire idahwitse mu rubyiruko. Urubyiruko rwakanguriwe kwirinda ibyuma ndetse n’ibinyobwa bitujuje ubuziranenge, bishobora guteza ibibazo ku buzima no ku mutekano w’abaturage.

Mu butumwa bwatanzwe kandi, abaturage basobanuriwe gahunda y’amatora y’inzego z’ibanze ateganyijwe mu mezi ari imbere, banakangurirwa kuzayitabira. bibukijwe ko kugira uruhare mu matora ari kimwe mu bikorwa by’ingenzi mu miyoborere y’igihugu no mu gufata ibyemezo bigira uruhare ku mibereho y’abaturage.
Gukomeza kwimakaza uburinganire mu muryango
Hatanzwe kandi ubutumwa bujyanye n’ubukangurambaga bw’icyumweru cyahariwe kwimakaza ihame ry’uburinganire mu muryango (GAD).
Abaturage bakanguriwe gukomeza kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye, ishingiye ku bufatanye, kubahana no kugira uruhare rungana mu iterambere ry’umuryango.

Hanibukijwe kandi akamaro ko gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
Uyu muganda usoza ukwezi kwa Nzeri wabaye umwanya wo gukorera hamwe mu bikorwa by’iterambere, ariko unaba umwanya wo gutanga ubutumwa ku ngingo z’ingenzi zirimo imiyoborere, umutekano, imibereho myiza y’abaturage, uburinganire n’imyitwarire iboneye mu rubyiruko.